Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
Akarere ka Kamonyi

# "NEWSLETTER"
# MUTARAMA 2025

## DR. MUGENZI PATRICE MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU YASUYE AKARERE KA KAMONYI

Ku gicamunsi cyo kuwa 21 Mutarama 2025 nkuko bisanzwe ku wa kabiri inteko rusange z'abaturage zarateranye. Ku rwego rw'Akarere inteko yabereye mu Mudugudu wa Mushimba Akagari ka Kigembe Umurenge wa Gacurabwenge, iyi nteko ikaba yarahuriranye n'uruzinduko rwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Dr. MUGENZI Patrice. Minisitiri niwe wayoboye iyi nteko yakira anakemura ibibazo abaturage bamugejejeho.

Muri iyi nteko haganiriwe ku ishyirwamubikorwa rya gahunda za Leta zitandukanye (kwicungira umutekano, gukumira amakimbirane mu muryango, gukumira ubuzererezi n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge, kwirinda kwiyandarika, gukumira amacakubiri ahubwo bagashyira imbere buumwe bwabo).

Habayeho kandi kwakira no gukemura ibibazo n'ibyifuzo by'abaturage.

Inteko mu Kagari ka Kigembe yitabiriwe kandi na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere hamwe na bagenzi be bagize komite nyobozi y'Akarere ka Kamonyi, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere n'abafatanyabikorwa banyuranye






## HATASHYWE IKIGO CY'AMASHURI ABANZA CYUBATSWE NA MARGRIT FUCHS FOUNDATION.



Kuwa 31 Mutarama 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho Myiza y'abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee yayoboye umuhango wo gutaha ikigo cy'amashuri gishya cya Nyabitare cyubatswe mu Murenge wa Rukoma mu Kagari ka Remera kigizwe n'ibyumba 6, ibiro by'umuyobozi, igikoni n'ubwiherero 12.

Iki kigo cyubatswe mu rwego rwo korohereza abana mu rugendo bakoraga bagiye ku ishuri ibyo bikazanafasha mu kuzamura ireme ry'uburezi. Ni Ishuri ryashyizwe kuri uyu musozi ku bufatanye bw'Akarereka Kamonyi n'Umufatanyabikorwa Margrit Fuchs Foundation yari ihagarariwe n'umuyobozi wayo muri uyu muhango Mme REGULA GLOOR .



Mu izina ry'ubuyobozi bw'Akarere ka Kamonyi Mme Uwiringira Marie Josee Visi Meya Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage yashimye uruhare rw'uyu mufatanyabikorwa mu guteza imbere inkingi y'imibereho myiza kuko asanzwe n'ubundi atera inkunga imishinga nk'iyi ngiyi mu rwego rwo gufasha igihugu kugera ku burezi bufite ireme, uburezi butajegajega.

## MINISITIRI W'IBIDUKIKIJE YASUYE IMWE MU MISHINGA Y'AKARERE






Tariki 31 Mutarama 2025 ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere hamwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere; Dr.Uwamariya Valentine Minisiteri w'Ibidukikije akaba n'imboni y'Akarere ka Kamonyi muri Guverinema y'u Rwanda yasuye ibikorwa by'iterambere mu Mirenge ya Nyamiyaga na Mugina byakozwe mu mushinga Green Amayaga. Muri uru ruzinduko harebwe amashyamba yatewe hamwe n'ibiti bivangwa n'imyaka mu rwego rwo kugarura urusobe rw'ibimera mu gice cy'Amayaga.

Hasuwe imirwanyasuri yatunganyijwe mu Kagari ka Mukinga, uburyo bwo kurondereza ibicanwa kuri GS Saint Ignace Mugina (harebwe gaz yunganira mu gutegura amafunguro y'abanyeshuri). Hasuwe n'ubuhinzi bw'inkeri muri Green House, hamwe n'inganda z'umuceri, kawunga na briquettes ku Mukunguri mu Murenge wa Mugina. Iyi gahunda yabimburiwe no kuganira n'abakozi ku Karere aho Umuyobozi w'Akarere yagaragaje ishusho y'Akarere muri rusange.





## HAKOZWE UBUGENZUZI AHAKORERWA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO



Kuwa 30 Mutarama 2025 mu Karere ka Kamonyi mu Murenge wa Kayenzi mu Kagari ka Mataba mu Mudugudu wa Gikurubuye, abagize "Task Force" y'ubucukuzi bw'Amabuye y'agaciro na Kariyeri ku rwego rw'Akarere, iri tsinda ryiriwe mu gikorwa cy'ubugenzuzi mu birombe bicukurwamo amabuye y'amabengeza.



Muri iyi gahunda hari hagamijwe kugenzura niba ubu bukucuzi bukorwa mu buryo bwubarije amategeko abugenga, mu rwego rwo kurengera ibidukikije kandi hirindwa akajagari gaterwa n'ababukora binyuranyije n'amabwiriza abugenga.



Igikorwa cyayobowe n'Umuyobozi wa Task Force y'ubucukuzi bw'Amabuye y'agaciro na Kariyeri mu Karere ka Kamonyi bwana NIYONGIRA Uzziel, itsindas rigizwe n'abakozi ndetse n'inzego z'umutekano



## ABADEPITE BAGIRIYE URUZINDUKO RW'AKAZI MU KARERE



Kuva tariki 26 Mutarama kugeza tariki 03 Gashyantare 2025, abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite bagiriye uruzinduko mu Karere ka Kamonyi. Ni gahunda yari igamije uburyo ubufasha Leta igenera abaturage bugenda buhindura imibereho yabo mu rwego rwo guharanira kwigira no kwiteza imbere muri rusange.

Ubwo tariki 31 Mutarama basuraga Umurenge wa Nyarubaka iri tsinda ry'abadepite ryari riyobowe na Hon. Depite Uwamaliya Odette mu nama bagiranye n'abaturage babasabye kugira uruhare mu gusigasira ibyo Leta igenda ibafashamo, ndetse hakabaho gusenyera umugozi umwe mu gusigasira ibyagezweho. Yabasabye gukomeza guharanira kwigira bityo gahunda ya "graduation" ikagerwaho buri wese ahubwo akaba yajya mu cyiciro cyo gufasha abandi.



Muri uyu Murenge basuye abaturage mu Murenge wa NYARUBAKA bagiye bagerwaho na gahunda za Leta zitandukanye (guca imiringoti mu rwego rwa VUP Cpw, abagore n'urubyiruko bafashijwe gukorerwa imishinga bahabwa inguzanyo na SACCO, abagize ikimina " Tuzamurane



## BURI WESE ARASABWA UBUFATANYE MU GUKUMIRA INDA ZITERWA ABANGAVU







Tariki 30 Mutarama 2024, mu Kigo cy' urubyiruko cya Kamonyi basuwe n'Umufatanyabikorwa Mme REGULA GLOOR Umuyobozi wa MAGRIT FUCHS Foundation hamwe n'itsinda baturukanye kuri Bureau Sociale Muhanga iyobowe na Bwana MUSONERA Umuyobozi wa Foundation ku rwego rw' Igihugu.

Bari baje kureba aho umushinga bateramo inkunga wo gukumira Inda z' Imburagihe ziterwa abangavu mu bigo by' amashuri byo mu Murenge wa Rukoma na Rugarika batera inkunga ugeze ushyirwa mu bikorwa.
Bakiriwe n' Umuyobozi w' Akarere Dr NAHAYO Sylvere nyuma baganira na ba "Peers Educators" bari kumwe na VM ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee.

Bakomereje mu Kigo cy' Amashuri cya GS Sheli kuganira n' Abanyeshuri no kureba uburyo aba Peers Educators batanga ibiganiro ku buzima bw' imyororokere no gukumira inda z' imburagihe. Hano ku ishuri niho batanze ubutumwa buganisha ku gusaba buri wese kumva ko gukumira inda ziterwa abangavu bimureba kandi ko bizagerwaho ari uko tubigizemo uruhare.



# ABASENATERI BASUYE AMAVURIRO MATO Y HASUZUMWA IMIKORERERE YAYO



Itsinda ry'abasenateri rigizwe na Hon. Senaterii NIYOMUGABO Cyprien ari kumwe na Senateri Prof. Dusingizemungu Jean Pierre kuwa 27-28 Mutarama 2025 bagiriye uruzinduko rw'Akazi mu Karere.



Izi ntumwa za rubanda zagenzwaga no kureba imikorere y'amavuriro mato "poste de sante" mu rwego rwo kureba ibikwiriye kunozwa mu rwego rwo gukomeza kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima binyuze muri aya mavuriro y'ibanze.

hasuwe Poste de sante ya Kigembe mu Kagari ka Kigembe Umurenge wa Gacurabwenge, hasuwe kandi Poste de sante ya Mwirute mu Kagari ka Mwirute Umurenge wa Rukoma.



kuwa 28 Mutarama uruzinduko rwabo baruhariye ikiganiro cyahuje izi ntumwa za rubanda n'abafite "poste de sante" mu Karere hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, abagize komite nyobozi y'Akarere n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.



Muri iki kiganiro hagaragajwe ibyo abasenateri babonye mu gusura zimwe muri "Postes de sante"abitabiriye bunguranye ibitekerezo biganisha ku kunoza imitangire ya serivisi muri aya mavuriro mato, batanze kandi ibyifuzo byabo bikwiye gukorerwa ubuvugizi

# UBUYOBOZI BWAFATANYIJE N'ABATURAGE MU MUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI



Hirya no hino mu Karere habaye umuganda rusange usoza kwezi kwa Mutarama 2025. Uyu muganda wahuje abaturage n'abayobozi babo wibanze ku kwita ku bikorwaremezo, gukumira ibiza, kubakira abatishoboye no kurengera ibidukikije.



Mu Mudugudu wa Rubona ku muhanda uva ku Bitaro by'Amaso mu Kagari ka Muganza ugana i Gihara mu Murenge wa Runda niho habereye ku rwego rw'Akarere umuganda rusange usoza ukwezi. Waranzwe no gusiba ibinogo no gusibura inzira z'amazi hagamijwe gutunganya uyu muhanda.

Umuganda witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe na VM ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umuyobozi w'inkeragutabara mu Karere Lt. Colonel Elphaz Mugisha, Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Fulgence Furaha, Umuyobozi w'Abinjira n'Abasohoka Mme Mukakalisa Chantal, abafatanyabikorwa banyuranye bose bafatanyije ibikorwa by'umuganda.





Nyuma y'umuhanda habayeho ibiganiro byibanze ku ngingo zikurikira: Ikiganiro ku kwizihiza umunsi mukuru w'Intwari, Umutekano, Isuku n'isukura, kubungabunga ibikorwaremezo, abaturage basabwe guharanira ubumwe bwabo bityo bakabana mu mahoro.

# ABASHINZWE IMICUNGIRE Y'IMARI BASABWE KUZUZA INSHINGANO ZABO KINYAMWUGA







Tariki 24 Mutarama mu nama yahuje ubuyobozi n'ababarumari basabwe kubikora kinyamwuga bityo bakirinda amakosa amwe n'amwe yagaragara mu bitabo by'ibaruramari ndetse no mu mikoreshereze y'imari.

Iyi nama yayobowe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Bushayija Fred yitabiriwe n'ababaruramari b'Imirenge (12), Ibitaro (1), Ibigo Nderabuzima (14) n'amashuri abanza (57) n'ayisumbuye (74).

Ni inama yari igamije kwisuzuma mu micungire y'umutungo n'imikoreshereze y'imari Leta igenera ibi bigo.Ibiganiro byitabiriwe kandi n'umuyobozi w'ishami ry'imari bwana NDAHIMANA Longin, umuyobozi w'Ishami ry'uburezi bwana KAYIJUKA Diogene n'abakozi bakorera mu ishami ry'imari.Haganiriwe by'umwihariko ku kwitegura Umugenzuzi mukuru w'imari ya Leta (OAG), imitangire ya raporo y'imari, imigendekere y'igikorwa cyo kwigenzura no kwigiranaho.





# URWEGO RW'IGIHUGU RWAKOZE UBUGENZUZI KU IKEMURWA RY'IBIBAZO BIKIBANGAMIYE IMIBEREHO Y'ABATURAGE

Tariki 23 Mutarama 2025 itsinda ryo ku rwego rw'Igihugu riyobowe na Colonel NYIRASAFARI Seraphine hamwe n'itsinda ry'Intara baje mu bugenzuzi mu Karere bugamije kureba uko Akarere ka Kamonyi gahagaze mu ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho y'abaturage.

Abashyitsi bakiriwe n'umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, abagize nyobozi y'Akarere, abayobozi bahagarariye inzego z'umutekano.

Habanje inama ngufi ku Karere hagaragazwa uko akarere gahagaze mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage.

Nyuma itsinda ryasuye bimwe mu bikorwa byakozwe mu Murenge wa Rukoma gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage. Bashimye uko Akarere gahagaze muri iyi gahunda basaba ko n'ibikiri inyuma byakwitabwaho bityo imibereho y'abaturage ikarushaho kwitabwa..



## ABADEPITE BAGIYE KOMISIYO Y'INGENGO Y'IMARI BASUZUMYE UKO AKARERE GAHAGAZE MU MIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI







Tariki 22 Mutarama 2025, itsinda ry'abadepite bagize Komisiyo y'Ingengo y'Imari mu Nteko riyobowe na Hon.TUYISHIME Francine ryasuye Akarere gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za Leta by'umwihariko igipimo cy'ikoreshwa ry'ingengo y'imari muri aya mezi 6 ashize, imyinjirize y'imisoro n'amahoro, imitangire y'amasoko, iyubahirizwa ry'ihame ry'uburinganire mu ngengo y'imari.

Abadepite banasuye imwe mishanga (Kmaonyi Reaserach Center n'amazu ari kubakirwa abagenerwabikorwa ba MINUMBUMWE mu Murenge wa Musambira), bareba uko ihagaze n'imbogamizi zaba zirimo ngo ikorerwe ubuvugizi.

Abagize itsinda bakiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere bwana Nyoni Emilien Lambert ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere bayobozi mu byiciro bahagarariye abandi.



## ABAGIZE KOMISIYO Y'IMIBEREHO MYIZA MU NAMA NJYANAMA BASUYE ABATURAGE B'I JENDA





Tariki 21 Mutarama 2025 abagize Komisiyo y'Imibereho Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere bayoboye na Perezida wa Komisiyo Mbabajende Moukhatar basuye Akagari ka Jenda Umurenge wa Mugina. Aba bajyanama bagenzwaga no kureba uko imihigo iri mu nkingi y'imibereho myiza. Babanje ariko gusura ibiro by'Umurenge wa Mugina bareba uko biteye nyuma yo kuvugururwa.

Abajyanama bunguranye ibitekerezo n'abaturage ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo n'izindi gahunda za Leta zikeneye ubukangurambaga. Nyuma bafatanyije n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Mugina, abajyanama bakiriye banakemura ibibazo bagejejweho n'abaturage

## ABAGIZE KOMISIYO Y'UBUKUNGU MU NAMA NJYANAMA Y'AKARERE YASUYE IMISHINGA Y'ITERAMBERE





Bari kumwe na Visi Meya Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel, abajyanama bagize komisiyo y'Ubukungu mu Nama Njyanama y'Akarere bayobowe na Presidente wa Komisiyo Mukakalisa Anathalie tariki 31.01.2025 basuye imishinga y'iterambere itandukanye mu Karere.

Hasuwe ikiraro cyo mu kirere cya MPOMBORI (Nyarubaka), ikiraro cyo mukirere cya RUSHIKIRI ( Runda-Rukoma), umuhanda Nkoto –Gihara. Abajyanama bashimye ibiraro byubatswe ndetse batanga inama zuburyo byakomeza kubungabungwa gusa basabye ko ibikorwa byo kubaka Umuhanda Nkoto -Gihara, byihutishwa.

# RUNDA: MINISITIRI BIZIMANA JEAN DAMASCENE YATANGIJE IBIKORWA BY’URUGERERO RW’INKOMEZABIGWI XII





Tariki ya 13 Mutarama 2025, Minisitiri w’Ubumwe bw’Abanyarwanda n’Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene yatangije ku rwego rw’Igihugu Ibikorwa by’Urugerero rw’Inkomezabigwi Icyiciro cya 12. Ni gahunda yabereye mu Murenge wa Runda Akagari ka Kabagesera.



Igikorwa cyaranzwe no gushyira ibuye ry’ifatizo ahazubakwa isoko rigezweho rito, ECD ndetse n’icyumba mpahabwenge (ICT ROOM) mu Mudugudu wa Bwirabo Akagari ka Kabagesera. Habayeho kandi kwakira imihigo y’Intore zinjiye ku rugerero mu bikorwa by’ubwitange byo kwiyubakira Igihugu. Gahunda yitabiriwe na Guverineri w’Intara y’Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, Umuyobozi wa JADF ku rwego rw’Akarere bwana SEMUGAZA Tharcisse, abagize inzego z’umutekano, abagize komite nyobozi y’Akarere, ababyeyi n’abafatanyabikorwa banyuranye bitabiriye iki gikorwa.





# RUGALIKA: I KIGESE HATANGIRIJWE ICYUMWERU CYAHARIWE UBUZIMA BW'UMUBYEYI N'UMWANA



Ku Kigo Nderabuzima cya Kigese, tariki 13 Mutarama 2025 Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme uwiringira Marie Josee niho yatangirije icyumweru cyahariwe kwita ku buzima bw'umubyeyi n'umwana. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti: Hehe n'igwingira: Twite ku buzima bw'umubyeyi, umwana n'umwangavu".
Muri iki cyumweru hazatangwa serivisi zo gupima abana kugira ngo harebwe imikurire yabo bijyanye n'imyaka yabo, bazahabwa ikinini cy'inzoka, hazatangwa kandi serivisi zo kuboneza urubyaro, ubujyana ku kwirinda indwara,...

Igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi Mukuru w'Ibitaro bya Remera Rukoma Dr. Jaribu Theogene, Ushinzwe guhuza Polisi n'abaturage Supt. Uwanyirigira Marie Goretti, Intumwa ya Minisiteri y'ubuzima hamwe n'abafatanyabikorwa ba Minisiteri y'ubuzima.








## HAKOZWE URUGENDOSHURI MU KARERE KA RUBAVU KU KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE, NO GUTEZA IMBERE IBIKORWA BY'UBUHINZI N'UBWOROZI



Kuva tariki 15-17 Mutarama 2025, itsinda riyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, rikaba rigizwe n'abayobozi b'Imirenge, abakozi n'abahinzi bahagarariye abandi bo mu Mirenge aho Umushinga Green Amayaga ukorera ( Mugina,Nyamiyaga, Nyarubaka na Rugalika) n'abakozi b'umushinga Green Amayaga bagiriye urugendoshuri mu Karere ka Rubavu.

Iyi gahunda igamije gusobanukirwa neza uko ibikorwa byakozwe mu mushinga #Green Amayaga byabungabungwa bikaramba (sustainability) , abagize itsinda bakaba barasuye ibikorwa bisa nabyo bibungabunzwe mu Karere ka Rubavu mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

Hasuwe ibimaze gukorwa ku mugezi wa Sebeya ujya uteza Ibiza (ibiti byatewe by'imigano, canalisation y'amazi, gabios zubatswe ku mugezi ngo udakomeza kujya usandara hirya no hino ukangiza ibikorwa,...)







Hasuwe kandi ubworozi bw'ingurube bwa kijyambere bukomatanyije n'ubuhinzi bw'urutoki, ubuhinzi bw'imiteja i musozi, hasuwe kandi ahimuwe imiryango ku bw'inyungu rusange, hacukurwa imirwanyasuri hanaterwa n'ibiti mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

## HASHYINGUWE MU CYUBAHIRO IMIBIRI YARI IRUHUKIYE BY'IBANZE MU MVA MU KAGARI KA RUKAMBURA







Kuwa gatandatu tariki 4 Mutarama 2025, mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kamonyi hashyinguwe mu cyubahiro imibiri 362 y'Abatutsi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.Iyi mibiri yimuwe yari isanzwe iruhukiye by'ibanze mu mva rusange mu Kagari ka Rukambura Umurenge wa Musmabira (Bitsibo, Nyarutovu na Kabindi).

Igikorwa cyitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, Hon. Depite Karinijabo Barthelemy, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere bwana Nyoni Emilien Lambert, Abayobozi b'Uturere twa Kamonyi na Muhanga, Abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara y'Amajyepfo, abagize inzego za Ibuka, inzego z'umutekano mu Karere ka Kamonyi n'abaturage baturutse hirya no hino mu Karere no hanze yako.

Iyi gahunda yaranzwe kandi n'ubutumwa bwo kwihaganisha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, no gushyira indabo ku mva.





## HATANGIRIJWE AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP

Tariki 17 Mutarama 2025 ku kibuga cya Rugando mu Murenge wa Nyarubaka niho hatangirijwe ku rwego rw’Akarere amarushanwa "Umurenge Kagame Cup" 2024/2025. Insanganyamatsiko y'iyi mikino uyu mwaka ni"Twimakaze Imiyoborere Myiza Duharanira ko Umuturage ahora ku isonga". Ku rwego rw’Akarere imikino yatangijwe n'Umuyobozi w'Akarere n'Umuyobozi w'Akarere Dr Nahayo Sylvere ku kibuga cya Rugando i Nyarubaka ahahuriye ikipe y'umupira w'amaguru ya Nyarubaka na Kayumbu.





Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Bwana Bushayija Fred yatangije iyi mikino mu Murenge wa Rukoma aho ikipe ya Runda yakinnye na Rukoma.



Muri iyi mikino hatanzwe ubutumwa bwagarutse ku gutanga serivisi nziza kunoza ibikorwa by’isuku n’isukura, hibukijwe ko ibibazo by'abaturage bizakirwa kandi bigakemurwa kuko ari inshingano z'ubuyobozi.





## HAKOZWE INÀMA Y'IHURIRO NYARWANDA RY'UBWOROZI BW'INKA

Kuwa 16 Mutarama 2025 ku biro by'Akarere habereye inama y''Ihuriro nyarwanda ry'ubworozi bw'inka zitanga umukamo (Rwanda National Dairy Platfom) iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel.

Mu nama hagarutswe ku kumenyekanisha komite y'ihuriro rya Kamonyi; inshingano za komite nyobozi ry'urwego rw'Akarere (RNDP). Hari hatumiwe abakozi ba RNDP ku rwego rw'Igihugu; Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuhinzi n'Umutungo Kamere, umukozi w'Akarere ushinzwe ubworozi mu Karere abagize komite ya RNDP ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi;







# MINUBUMWE YATANZE UBUTUMWA KU BUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA





Tariki 15 Mutarama 2025 mu rwego rwo kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda, i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge habereye ibiganiro byateguwe ku bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu hagamijwe gusuzuma ibibazo byihariye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bafite.

Muri ibi biganiro Minubumwe yari ihagarariwe na Hon. Kayumba Uwera Alice Umuyobozi Mukuru ushinzwe ubumwe n'ubudaheranwa.

Ibi biganiro byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, itsinda rya MINUBUMWE riyobowe na Perezida wa IBUKA mu Karere bwana Benedata Zacharie n'abahagarariye imiryango irengera inyungu z'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi hamwe n'abagize inzego z'umutekano mu Karere.

iyi gahunda yari by'umwihariko mu rwego rwo gusuzuma ibibazo byihariye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bafite n'ingamba zo kubikemura.





**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR, Media & Communications"**